**CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA**
**COMMISSION EPISCOPALE POUR L'APOSTOLAT DES LAICS ET DES INTELLECTUELS (C.E.A.L.) B.P. 357 KIGALI – RWANDA Tél. 0781539564/0788792592 E-mail : cealrwanda@gmail.com**

# *UBUTUMWA BUGENEWE ABAKRISTU KU MUNSI MUKURU W'ABALAYIKI WO KU WA 9 KAMENA 2024*




## INSANGANYAMATSIKO :
## «IMANA YO SOKO Y'AMIZERO NIBUZUZEMO IHIRWE RYOSE N'AMAHORO MU KWEMERA» (Rom 15,13)

*Tariki ya 9 Kamena 2024*

## ICYUMWERU CYA 10 GISANZWE (B)

***Amasomo: (Intg 3,9-15; 2 Kor 4,13-5,1; Mk 3,20-26)***

### Intangiriro

Bakristu bavandimwe, nk'uko bisanzwe buri mwaka, Kiliziya Gatolika mu Rwanda ihimbaza umunsi wo kuzirikana ubutumwa abalayiki bafite muri Kiliziya, ukaba uhurirana n'umunsi twizihizaho "Abahowe Imana b'i Buganda". Insanganyamatsiko y'umunsi w'abalayiki iragira iti : "***Imana yo soko y'amizero nibuzuzemo ihirwe ryose n'amahoro mu kwemera"*** (Rom 15,13).

Turizihiza uyu munsi w'abalayiki, mu gihe Kiliziya iri mu rugendo rwa Yubile y'imyaka 2025 y'ugucu-ngurwa kwa muntu n'imyaka 125 Ivanjiri ya Yezu Kristu imaze igeze mu Rwanda. Urwo rugendo rwa Yubile twarutangiye mu gihe Kiliziya y'isi yose ikiri no muri sinode izaduha umurongo, wo gukorera hamwe no gukora tutabusanya buri wese mu muhamagaro we.

### 1. Imana ni Yo soko y'amizero n'ihirwe

Mu isomo rya mbere, twumvise ko ababyeyi bacu ba mbere bamaze gucumura, bagize ubwoba, bajya kwihisha, bajya kure y'Imana, bitandukanya nayo, ndetse

nabo ubwabo batangira gusubiranamo hagati yabo. Nyamara Imana ntiyabatereranye, yaberetse ko ari Yo mizero yabo, maze itangira umugambi wo kubagarura no kubacungura.

Mu isomo rya kabiri, Pawulo Mutagatifu nawe aratwumvisha ko amagorwa yo muri iki gihe ntacyo adutwaye kuko twizeye ikuzo rizahoraho. Arabivuga muri aya magambo: *"Kandi n'amagorwa yacu muri iki gihe gihita nta cyo adutwaye, uyagereranije n'ikuzo adutegurira ry'akataraboneka kandi rizahoraho. Bityo tukaba tutarangamiye ibigaragara, ahubwo ibitagaragara, kuko ibigaragarira amaso bihitana n'igihe, naho ibitagaragara bigahoraho iteka"* (2 Kor 4,17-18).

Pawulo Mutagatifu aragereranya ubuzima bw'umubiri wacu ugenewe gupfa n'icumbi ry'akanya gato cyangwa n'umwenda umuntu yambara ugasaza. Aratwumvisha ko, mu ijuru kwa Data, ariho tuzambarira umubiri w'ikuzo, bisobanura umubiri wazutse. Ariko, kugira ngo ibyo bizashoboke, biradusaba kubaho turangwa n'ibikorwa byiza.

Koko rero, Imana ni yo soko y'amizero n'ukwemera**.** Abahowe Imana b'i Buganda twibuka uyu munsi, baduhaye urugero rukomeye rw'ukwemera n'amizero.

Turazirikana ukuntu bunze ubumwe na Kristu ku buryo bukomeye kandi bakunga ubumwe hagati yabo ubwabo, ari nabyo byabateye ubutwari bwo guhitamo gupfa aho kwihakana Yezu Kristu bemeye.

## 2. Yezu Kristu ni we Soko y'ubumwe n'ubuvandimwe

Nk'uko twabyumvise mu Ivanjiri y'uyu munsi, Yezu aratubwira ati: *"Umuntu wese ukora icyo Imana ishaka, ni we muvandimwe wanjye, ni we mushiki wanjye, kandi ni we mama".* Koko rero, abakora ugushaka kw'Imana abo ni bo bagize amahirwe yo kuba mu muryango wa Yezu Kristu, kuba inshuti ze, n'abavandimwe be. Ugushaka kw'Imana tugusanga mu Ijambo ryayo tugezwaho na Kiliziya.

Muri Kiliziya hakoranira abantu benshi kandi batandukanye. Hakoranira abantu badahuje inkomoko, imico, amoko n'andi masano, nyamara baba bunze ubumwe bahujwe na Kristu bemera. Ijambo ry'Imana twumva, Ukaristiya dusangira, biduha kuba abavandimwe no kugirana ubumwe n'isano isumba iy'amaraso. Urugero rw'urukundo Yezu Kristu yaduhaye, yemera kutwitangira, ni rwo rutuma natwe ubwacu dushobora gukundana tukaba umwe, bamwe bakitangira abandi, kuko urukundo buri wese yakunzwe rugomba kwigaragariza mu bikorwa no mu

kuri. Twibuke amagambo Yezu yabwiye abigishwa be agira, ati: “Icyo bose bazamenyeraho ko muri abigishwa banjye, ni urukundo muzaba mufitanye” (Yh 13:35). Urwo rukundo nirwo rutubyarira ubumwe n’ubuvandimwe bigomba kuturanga muri Kiliziya, tukaba umwe  nk’uko Yezu na Se bunze ubumwe (Yh 17:21).

Nyamara, nk’uko twabyumvise mu Ivanjiri, Sekibi ntajya yishimira ubwo bumwe bwacu. Buri gihe ahora ashaka kutubibamo amacakubiri atuma ubwumvikane buba buke. Muri iki gihe turasabwa kuba maso kuko Sekibi atuma haduka n’ibindi bintu byinshi bishobora kutuyobya, bigasenya ubumwe n’ubuvandimwe bwacu. Niyo mpamvu Abepiskopi banyu twifuje ko iyi yubile y’impurirane yatubera umwanya wo kurangamira Kristu we soko y’ubumwe n’ububuvandimwe bigomba kuturanga.

## 3. Yezu Kristu ni we soko y’ukwemera

Ukwemera ni impano y’Imana ihabwa uwemera wese. Uwahawe ukwemera agomba gutana n’imigenzereze ishaje n’ubugiranabi ubwo ari bwo bwose, maze akakira Yezu Kristu. Uwakiriye ukwemera wese arangwa no guhinduka kandi akamamaza Kristu igihe n’imburagihe.

Yubile twitegura guhimbaza ni igihe cyo gusubiza amaso inyuma tukisuzuma, tukareba niba koko twarakiriye iyo mpano y'ukwemera twagejejweho n'abo Imana yatwohereje, aribo Bapadiri bera. Yubile kandi ni igihe cyo gufata ingamba. Abanyarwanda bamaze kugezwaho Inkuru nziza, ntibajuyaje, benshi muri bo bahise bayakira kandi bishimye, maze bagerageza no kuyishyira mu bikorwa. Abanyarwanda bakiriye ukwemera maze bera imbuto nyinshi kandi zishimishije. Abamisiyoneri bateye akabuto ka sinapisi, ubu kabaye inganzamarumbo.

Ukwemera kwatumye abanyarwanda benshi biyegurira Imana vuba, bamwe baba abapadiri, abandi baba ababikira n'abafurere. Amakoraniro anyuranye y'abakristu basengera hamwe yavutse ari menshi, abandi bagaragaza ibikorwa by'urukundo, ubwo bibumbiraga mu miryango ya Agisiyo gatolika, yaba iy'abakuru cyangwa iy'urubyiruko. Ubutumwa bw'abalayiki bwateye imbere maze haboneka benshi bitangira kwigisha gatigisimu, gufasha abakene no gukora ibindi bikorwa by'urukundo.

## Umwanzuro

Bakristu bavandimwe, muri uru rugendo turimo rwa sinode ndetse na Yubile y'impurirane, turasabwa kumva neza icyo Kiliziya idushakaho. Kiliziya

iradusaba kugendera hamwe, dufatanye urunana kandi duhugurana ku mikorere n'imigenzereze myiza ituma tuba umwe muri Yezu Kristu.

Iyi Yubile y'impurirane turimo, y'imyaka 2025 Yezu Kristu aducunguye, n'imyaka 125 Ivanjiri ye igeze mu Rwanda, izatubere umwanya wo gusubiza amaso inyuma turebe ibikorwa byiza twakoze, maze tuzakomeze kubyubakiraho kugira ngo tuzagere kubirenzeho.

Turakomeza kwishimira ubufatanye buranga mwe-bwe abalayiki n'abasaserdoti mu bikorwa by'ike-nurabushyo n'iby'iterambere rirambye mukomeje kugaragaza muri Kiliziya. Ntimuzatezuke nk'uko Nyagasani atajya atezuka ku isezerano yatugiriye.

Balayiki, turabibutsa ko mufite umwanya udasimburwa muri Kiliziya, mukaba musabwa rero kuba abahamya mu mvugo no mu ngiro, kuko ukwemera kutagira ibikorwa kuba kwarapfuye **(Yak 2, 17).** Turashimira abakristu bakomeje kubigaragaza baba hafi y'abasaserdoti babo, hafi ya Paruwasi zabo, bakazifasha mu buryo butandukanye.

Turabashimira by'umwihariko inkunga mugenera Komisiyo ishinzwe ubutumwa bw'abalayiki kuri uyu

munsi wanyu. Umusanzu mwatanze watumye dushobora kuguramo ikibanza i Kibeho cyo kuzubakamo ikigo kizajya cyakira abakristu bagiye mu rugendo nyobokamana. Icyo kigo kizaba ari icyanyu, ni yo mpamvu tubasaba gukomeza gutera inkunga komisiyo yanyu kugira ngo izashobore kucyubaka bidatinze.

Bikira Mariya Mwamikazi wa Kibeho, udusabire.
Imana ibahe umugisha.

***+Mgr Papias MUSENGAMANA***
***Umwepiskopi wa Diyosezi ya Byumba***
***Akaba na Perezida wa Komisiyo y'Abepiskopi***
***Ishinzwe ubutumwa bw'abalayiki (C.E.A.L)***

